REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITIRI W'INTEBE

IKIGANIRO CYA NYAKUBAHWA MINISITIRI W'INTEBE AGEZA KU NTEKO ISHINGA AMATEGEKO, IMITWE YOMBI, KU BIKORWA BYA GUVERINOMA BYO MU RWEGO RW'UBUREZI (2017-2020)

Ku wa 01/12/2020

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

1. Nk'uko biteganywa n'ingingo ya 133 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, **muri aka kanya, ngiye kubagezaho ibikorwa bya Guverinoma byo mu rwego rw'Uburezi**. **Ndibanda ku ishyirwa mu bikorwa rya gahunda z'uburezi bikubiye muri Gahunda y'Igihugu yo Kwihutisha Iterambere/ NST1 (2017-2024).**

2. Nk'uko tubizi, muri iyi Gahunda, uburezi ni imwe mu nkingi ikomeye izafasha u Rwanda kugera ku bukungu bushingiye ku bumenyi (Knowledge-based economy).

3. Nyuma yo gutangaza Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha Iterambere/NST1 (2017-2024), Guverinoma y'u Rwanda yakoze ubushakashatsi ifatanyije na Banki y'Isi (*Future Drivers of Economic Growth*), bugamije kureba inkingi z'ingenzi zadufasha kugera kuri iki cyerekezo twihaye ndetse na nyuma y'aho mu Cyerekezo 2050. Ubwo bushakashatsi bwagaragaje ko kubaka ubushobozi bwa muntu (*Human Capital Development*) ari imwe mu nkingi z'ingenzi zatuma tugera kuri iri terambere.

4. Ibyavuye muri ubu bushakashatsi si umwihariko ku Rwanda gusa, ahubwo byagaragajwe no mu bindi bihugu byakoze ubushakashatsi nk'ubu mu rwego rwo kwihutisha iterambere.

5. Ubu bushakashatsi bwagaragaje ko kugira ngo Igihugu icyo ari cyo cyose kigere ku iterambere rirambye kigomba kuba gifite ubukungu buzamuka nibura ku kigero cya 7% buri mwaka nibura mu gihe cy'imyaka 25. Icyo Gihugu kigomba kandi kuba gishingiye ku burezi bufite ireme bw'abanyagihugu. Urugero twatanga rwa bimwe muri ibyo bihugu byimakaje ireme ry'uburezi ni Koreya y'Epfo ndetse na Singapuru n'ahandi twese tuzi.

6. Ubu bushakashatsi bwagaragaje kandi ko kugira ngo Igihugu nk'u Rwanda kigere ku cyerekezo cy'iterambere ryihuse, kigomba gukora bimwe muri ibi bikurikira:

7. Kuzamura ireme ry'uburezi, kugeza uburezi kuri bose uhereye mu mashuri y'incuke, kunoza ubumenyi bw'abarimu, gushishikariza urubyiruko kwitabira amasomo y'imyuga n'ubumenyingiro bijyanye n'ibisabwa ku isoko ry'umurimo no kongera ingengo y'imari igenerwa uburezi.

8. Ubu bushakashatsi bwanerekanye ko kugira ngo tugere ku cyerekezo cy'uburezi bufite ireme bisaba ubufatanye bw'inzego zitandukanye cyane cyane iz'ubuzima mu bijyanye no kurwanya igwingira ry'abana (stunting) kuva bakivuka ndetse n'ubufatanye bw'ababyeyi mu kwita ku burere, imirire n'imyigire y'abana.

9. Ndagira ngo mbagezeho bimwe mu bipimo by'ingenzi twifashisha mu burezi n'uko duhagaze (Key indicators):

Mu mashuri y'incuke:

- Kugeza uyu munsi, ibigo by'amashuri y'incuke ni 3.401;
- Ubwitabire muri aya mashuri bugeze kuri 24,6%;
- Ibyumba by'amashuri y'incuke ni 5.879;
- Ibigo by'amashuri abanza (schools) ni 2.961;
- Umubare w'ibyumba (Classrooms) mu mashuri abanza ni 34.468.
- Abanyeshuri bo mu mashuri abanza ni : 2,511,384;
- Abanyeshuri bo mu mashuri yisumbuye barenga 732,000;
- Abarimu bo mu mashuri abanza harimo n'abatangiye akazi uyu munsi ku baherutse kugahabwa ni 45.573;
- Abarimu bo mu mashuri yisumbuye harimo n'abatangiye akazi uyu munsi ku baherutse kugahabwa ni 26.258;
- Abarimu bo mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro ni 2.944;

10. Mu rwego rwo kwita ku burezi bufite ireme kandi bugera kuri bose, buzatuma abana b'u Rwanda bahabwa uburezi bw'ibanze bufatika, bimwe mu by'ingenzi byari biteganyijwe muri NST1 (2017-2024) mu rwego rw'uburezi ni ibi bikurikira:

a) Kongera imbaraga mu mashuri y'incuke, hagamijwe kongera umubare w'abayigamo ukagera kuri 45% muri 2024;

b) Kwita ku ireme ry'uburezi mu byiciro byose by'amashuri. Muri uru rwego hari hateganyijwe ibi bikurikira:

- Gushishikariza ababyeyi kurushaho kugira uruhare mu myigire myiza y'abana babo;
- Kongera umubare w'abarimu babifitiye ubushobozi;
- Kuzamura ubushobozi n'imibereho myiza ya mwarimu;
- Kuvugurura no kongera ibyumba by'amashuri no kubigezamo ibikorwaremezo bya ngombwa;
- Kunoza ikoreshwa ry'ikonabuhanga mu mashuri no gushaka imfashanyigisho zijyanye n'igihe.

c) Gushyiraho ingamba zifasha abafite ubumuga butandukanye gutangira no gukomeza amashuri yo mu byiciro byose by'uburezi;

d) Kurushaho guteza imbere amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (TVET) ku buryo umubare w'abanyeshuri bayigamo uzagera kuri 60% y'abanyeshuri bose barangije icyiciro rusange uvuye kuri 46,4% twari dufite mu 2017;

e) Kurushaho kwita ku masomo ya siyansi, ikoranabuhanga, *Engineering* n'imibare (STEM) mu byiciro byose by'amashuri;

f) Kongera ingufu mu gushyira mu bikorwa ingamba zo gushishikariza abana kudata amashuri.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

11. Munyemerere mbagezaho bimwe mu by'ingenzi tumaze kugeraho mu rwego rwo gukomeza guteza imbere ireme ry'uburezi nk'uko twabyiyemeje muri Gahunda y'Igihugu yo kwihutisha Iterambere/NST1 (2017-2024).

12. **Mu rwego rwo kongera imbaraga mu mashuri y'incuke**, kuva mu 2017 kugera mu 2019, Guverinoma y'u Rwanda ku bufatanye n'abandi bafatanyabikorwa**,** yakomeje kongera umubare w'amashuri y'incuke. Aya mashuri yiyongereye ku kigero cya 6.7% nk'uko nabivuze haruguru.

13. Ubwitabire mu mashuri y'incuke nabwo kandi bwakokemeje kwiyongera bukaba bugeze kuri 24,6% mu 2019. Nkaba nari nagaragaje ko intego ari ukugera kuri 45% mu mwaka wa 2024.

14. Mu rwego rwo kuzamura ireme ry'uburezi muri iki cyiciro, muri uyu mwaka w'ingengo y'imari wa 2020-2021, Guverinoma yemeje ko abarimu 580 bigisha mu mashuri y'incuke bazongerwa ku barimu basanzwe bahembwa na Leta (32). Uko amikoro y'Igihugu azagenda yiyongera, uyu mubare uzongerwa.

15. Mu 2018, hashyizweho ibipimo ngenderwaho by'ibanze mu mashuri y'incuke mu Rwanda mu rwego rwo kugira ngo bifashe mu ishyirwa mu bikorwa by'integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi (Competence-Based Curriculum).

16. Hashyizweho kandi gahunda yo gutegura abarimu mbere yuko batangira umwuga wo kwigisha mu mashuri y'incuke kugira ngo abo barimu bagire ubunyamwuga. Kugeza ubu, abarenga 2.200 bamaze kurangiza amashuri yisumbuye mu ishami ry'uburezi bw'incuke n'icyiciro cya mbere cy'amashuri abanza.

17. Amashuri y'incuke yahawe kandi imfashanyigisho zisaga ibihumbi 19 zishingiye ku bushobozi (Competence-Based Curriculum), inyoborabarezi y'abarimu ku masomo yigishwa mu mashuri y'incuke (Teachers' guides), isaranganyamasomo (Scheme of work) n'ibipimo ngenderwaho byo mu mashuri y'incuke (National Minimum Standards for Pre-primary).

18. **Mu rwego rwo gushishikariza ababyeyi kurushaho kugira uruhare mu myigire y'abana babo**, ababyeyi bashishikarijwe gutangiza abana mu mashuri ku gihe ndetse no kubashakira ibyangombwa by'ibanze bakeneye mu myigire yabo.

19. Ababyeyi bashishikarijwe kandi gufatanya n'ubuyobozi bw'amashuri mu kwita ku burere n'imyigire y'abana babo cyane cyane batanga umusanzu muri gahunda yo kugaburira abana ku mashuri. Iyi gahunda yo kugaburira abana ku mashuri, ndagira ngo nibutse Abanyarwanda bose ko ari gahunda

Guverinoma yashyizemo imbaraga nyinshi, aho twemeje ko abana bose bazajya bagaburirwa ku mashuri kuva mu mashuri abanza kugeza mu yisumbuye. Ibi bikaba bisaba uruhare rwa Leta ndetse n'urw'ababyeyi. Minisiteri y'Uburezi izabagezaho ku buryo burambuye icyo dusaba ababyeyi ndetse n'icyo Leta yatenganyije. Ariko nkaba mbizeza ko mu ngengo y'imari y'uyu mwaka Leta yateganyije ayo mafaranga yunganira ay'ababyeyi.

20. Mu rwego rwo kongera umubare w'abarimu babifitiye ubushobozi, muri uyu mwaka 2020, umubare w'abarimu mu mashuri abanza uziyongeraho 18.092 naho mu mashuri yisumbuye wiyongereho 6.463.

21. Muri rusange, guhera mu mwaka w'amashuri 2020/2021 watangiye mu Gushyingo 2020, mu burezi rusange, hazakenerwa abarimu bashya bangana na **28.748 biyongera ku barimu 64.480** basanzwe bigisha mu burezi bw'ibanze.

22. Aba barimu bashya bazigisha mu byumba by'amashuri 22.505 birimo kubakwa bizarangira mu mpera z'ukwezi k'Ukuboza 2020.Naho mu mashuri y'Imyuga n'Ubumenyingiro hazakenerwa abarimu 445 biyongera ku barimu 4.834 bari basanzwe. Bamwe muri aba barimu bakaba batangiye akazi uyu munsi.

23. Ku byerekeranye no kuzamura ubushobozi bwa mwarimu, iby'ingenzi byakozwe ni ibi bikurikira:

24. Kuva mu 2016 kugera mu 2018, abarimu bagera ku 63.000 bangana na 93,2%, bahuguwe ku nteganyanyigisho ishingiye ku bushobozi (Competence Based Curriculum). Mu 2018, abarimu 38.700 bangana na 57,2%, bahawe amahugurwa nkarishya-bushobozi kuri iyo nteganyanyigisho.

25. Mu rwego rwo gukomeza kuzamura ubushobozi bw'abarimu no kurushaho kubakundisha umwuga wabo, hashyizweho gahunda yo kubashyira mu byiciro hashingiwe ku burambe bwabo mu kazi, ku mikorere myiza no guhanga udushya. Ibi bikazajya bibahesha amahirwe yo kuba bajya mu myanya yisumbuye y'ubuyobozi bw'amashuri.

26. Amashuri nderabarezi (TTCs) n'amashuri yo kwimenyererezamo umwuga wo kwigisha ku bazaba abarimu yongerewe ubushobozi.

27. By'umwihariko amashuri yo kwimenyererezamo umwuga wo kwigisha agomba kuba afite ibikorwaremezo n'ibikoresho byuzuye hamwe n'abarimu babishoboye kugira ngo afashe abanyeshuri bimenyereza umwuga wo kwigisha kuyitorezamo uko bikwiye.

28. Havuguruwe integanyanyigisho ishingiye ku bushobozi y'amashuri nderabarezi (TTCs) kugira ngo abayarangijemo bazashobore kwigisha mu mashuri y'incuke n'abanza, bagire ubushobozi bwo gukomeza kwiga

kaminuza n'amashuri makuru. Ibyo bikazatuma bagira ubumenyi bukenewe ku isoko ry'umurimo.

29. Ubu muri aya mashuri nderabarezi, hajyamo abanyeshuri babonye amanota meza mu bizamini bya Leta bisoza umwaka wa gatatu kandi buri munyeshuri ujya kwiga mu ishuri nderabarezi azajya yishyura 50% by'amafaranga y'ishuri andi Leta iyamutangire. Ibi byaratangiye muri uyu mwaka w'amashuri, nubwo byigeze guhagarara kubera Covid-19, ariko ku banyeshuri bongeye gutangira ibi bizakurikizwa.

30. Mu gihe cyo gutanga buruse za Leta, amasomo y'uburezi ashyirwa ku rwego rumwe n'amasomo ya siyansi, ikoranabuhanga n'imibare (STEM).

31. Umunyeshuri uzajya arangiza mu mashuri nderabarezi akigisha imyaka itatu (3) mu mashuri abanza, azajya ahabwa buruse itishyurwa n'amafaranga atunga umunyeshuri azamufasha kwiga Kaminuza (Bachelors) mu ishami ry'Uburezi.

32. Umunyeshuri uzajya arangiza muri Kaminuza mu Ishami ry'Uburezi, akigisha imyaka itanu (5) mu mashuri yisumbuye, we azajya yemererwa buruse itishyurwa n'amafaranga atunga umunyeshuri byo gukomeza mu cyiciro cya gatatu cya Kaminuza (Masters) mu ishami ry'Uburezi.

33. Ku byerekeranye no kuzamura imibereho myiza ya mwarimu, Guverinoma yakomeje gutera inkunga Umwalimu SACCO ku buryo bugaragara. kugira ngo iyongerere ubushobozi bwo guha inguzanyo zifasha

abarimu kwiyubakira amacumbi no gukora imishinga itandukanye ibabyarira inyungu.

34. Kuva muri 2017 kugeza mu 2019, Leta imaze gutera inkunga Umwarimu SACCO ku buryo bugaragara, kandi twabonye ingaruka nziza ku buryo ifasha abanyamuryango bayo.

35. Iyi nkunga ya Leta ndetse n'imigabane shingiro y'abanyamuryango b'Umwalimu SACCO byayifashije guha abanyamuryango bayo inguzanyo zingana n'amafaranga y'u Rwanda arenze miliyari 160.

36. Guhera muri Werurwe 2019, abarimu bo mu mashuri abanza n'ayisumbuye ya Leta n'afashwa na Leta, bongerewe amafaranga angana na 10% ku mushahara wabo. Muri uyu mwaka, Guverinoma y'u Rwanda mu ngengo y'imari yongereyo andi 10%. Aha nagira ngo mvuge ko aya 10% yongereweho uyu mwaka bari kuba bayahawe guhera mu kwezi kwa Karindwi, ariko hajemo imbogamizi bakaba bazatangira kuyabona guhera ku mushahara w'ukwezi k'Ugushyingo. Ubu Uturere 16 twamaze kuyaha abarimu, ndetse n"utundi 14 dusigaye tukaba tuyatanga muri iki cyumweru. Ikindi kandi ni uko aya mafaranga bayahabwa ariko bakanabona ibirarane b'amezi ya Nyakanga, Kanama, Nzeri n'Ukwakira.

37. Abarimu b'indashyikirwa bagenda bahabwa ibihembo binyuranye binyuranye.

38. **Mu rwego rwo kuvugurura no kongera ibyumba by'amashuri no kubigezamo ibyangombwa** hakozwe ibi bikurikira: kuva muri 2017 kugeza 2019, ibyumba byarongerewe biva ku 54.215 bigera ku 59.033.

39. Naho kuva mu 2019 kugeza uyu munsi, Guverinoma y'u Rwanda irimo kubaka ibindi byumba 22.505 n'ibindi bikorwaremezo birimo ubwiherero n'ibikoni.

40. Hari aho ingengabihe yo kuzuza ibi byumba by'amashuri itubahirijwe, cyane cyane aharimo kubakwa ibyumba bigeretse. Ibi byumba byasabaga bisaba inyigo ifata umwanya. Ahandi ni amashuri niyubatswe mu Turere tumwe na tumwe two mu Ntara y'Iburengerazuba ahagaragaye imbogamizi zijyanye n'imihanda itagendeka neza kubera ibihe by'imvura, kugeza ibikoresho bikaba byaragiye bitugora ariko naho twahafatiye ingamba ku buryo ibikorwa byo kuhubaka amashuri byakomeje naho akaba azuzura bitarenze ukwezi kwa mbere.

41. Mu iyubakwa ry'amashuri hitawe kandi ku bibazo by'ubucucike n'aho abanyenshuri bakoraga ingendo ndende. Aha twitaye ku bintu bimwe na bimwe by'ingenzi nko mu Turere aho abana bakoraga ingendo zikabije nk'ibirometero icumu cyangwa eshanu bajya ku ishuri. Ibyumba bikaba byarasaranganyijwe mu Ntara ku buryo bukurikira: Intara y'Iburasirazuba: 6.725, Intara y'Amajyepfo: 4.914, Intara y'uburengerazuba:5.752 Intara y'Amajyaruguru:3.219 naho Umujyi wa Kigali ukaba waragenewe ibyumba 1.895.

42. Hari kubakwa kandi amashuri agera kuri 81 agenewe amashuri y'imyuga n'ubumenyangiro. Ibi bikaba biri muri gahunda yo kwihutisha kugera ku ntego twihaye y'uko mu 2024, abanyeshuri benshi (60%) bagana amashuri y'imyuga naho 40% akaba aribo bakomeza mu mashuri asanzwe yisumbuye y'Uburezi rusange (General Education). Intego ikaba ari kugira akaba ari ukugira nibura Ishuri rimwe ry'imyuga n'ubumenyingiro muri buri Murenge mu 2024.

43. Nk'uko nabivuze haruguru, iyi gahunda yo kubaka amashuri 22.505 yabaye mu gihe gitoya, kuko agera 11.004 duterwamo inkunga na Banki y'Isi yatangiye muri Gicurasi 2020, naho agera 11.501 yubakwa ku ngengo y'imari ya Leta yatangiye muri Nyakanga uyu mwaka. Kandi aya mashuri agomba kuba yarangiye ku wa 21 Ukuboza 2020. Ibi rero bisaba ubufatanye bwa Leta n'abaturage, tukaba rero tubashimira uruhare bakomeje kugira ngo ayo mashuri yubakwe mu gihe kitarenze umwaka.

44. Kubera ubwinshi bw'aya mashuri kandi agomba kubakwa mu gihe gito, byatumye hari ahabayeho imbogamizi n'amakosa amwe namwe yagiye agaragara ariko agakosorwa. Ababigezemo urahare bose barahanwe abandi baracyakurikiranwa n'inzego bireba kugira ngo baryozwe ibyo bakoze.

45. Aha twavuga abantu bibye ibikoresho by'inyubako nka sima n'ibindi, abibye *fer à beton*, ariko nagira ngo mbizeze ko ibi byakosowe.

46. **Kubijyanye no kunoza ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu mashuri no gushaka infashanyigisho zijyanye n'igihe**, hakozwe ibi bikurikira:

47. Mu 2017, amashuri abanza afite za mudasobwa yavuye ku 1.524 (58 % by'amashuri 2.499 ya Leta n'afashwa na Leta ku bw'amasezerano agera ku mashuri 1.807, ahwanye na 70 % by'amashuri 2.549 ya Leta n'afashwa na Leta.

48. Amashuri yisumbuye afite za mudasobwa yavuye ku mashuri 425 (32 % by'amashuri 1.322 ya Leta n'afashwa na Leta mu 2017, agera ku 760 bihwanye na 52 % by'amashuri ya Leta n'afashwa na Leta 1.459 mu 2019. Tukaba twizeye ko mu mu 2024, aya mashuri yose azaba afite mudasobwa zikwiye.

49. Amashuri abanza na 9YBE afite *internet* yavuye ku mashuri 61 ahwanye na 2 % by'amashuri 2.499 ya Leta n'afashwa na Leta muri 2017 agera ku mashuri 260 mu 2019.

50. Amashuri yisumbuye afite *internet* yavuye ku mashuri 170 ahwanye na12 % by'amashuri 1.322 ya Leta na afashwa na Leta muri 2017 agera ku mashuri 724 muri 2019.

51. Leta ikaba ifite gahunda yo kugeza internet mu mashuri yose mu Rwanda kandi iyi gahunda ikajyana na gahunda yo gushyira amazi n'amashanyarazi mu mashuri yose.

52. Ku bijyanye no gufasha abanyeshuri bafite ubumuga butandukanye gutangira no gukomeza amashuri yo mu byiciro byose by'uburezi, mu Rwanda, ubu hari amashuri 7 yakira abana bafite inzitizi mu myigire kandi ayo mashuri Leta iyatera inkunga kugira ngo ashobore kuturerera abana bafite ubumuga.

53. Aya mashuri yemerewe kwigisha kuva ku cyiciro cy'amashuri abanza kugeza ku cyiciro cy'amashuri yisumbuye. Bityo abana bafite ubumuga bakabasha no kwiga mu byiciro by'uburezi bwose.

54. Mu rwego rwo guteza imbere amashuri y'imyuga n'ubumenyingiro, aya mashuri yo ku rwego rw'amashuri yisumbuye ubu ni 385 akaba ari mu Mirenge 194. Gahunda dufite n'iyo kugira TVET muri buri Murenge, ari ko ubu hari Imirenge ifite TVET zirenze imwe. Imirenge 222 idafite TVET nayo ikazaba izifite mu 2024.

55. Ayo ku rwego rwa Kaminuza yavuye kuri 17 ariyongera, ku buryo ubu amashuri makuru y'imyuga n'ubumenyingiro ya Leta (IPRCs) maze kuba 8. Uko abanyarwanda bakomeza kubona inyungu z'aya mashuri, niko hagenda hashingwa andi mashuri kuburyo ubu hari andi mashuri makuru (Polytechnic) agenda asaba uburenganzira bwo gukora.

56. Ubushakashatsi bwakozwe mu 2019 (Tracer Survey and Employers Satisfaction Survey) bwerekanye ko 66% by'abarangiza mu mashuri y'imyuga (64,9% muri TVET na 75,2% muri Polytechnic) akenshi babona akazi nibura mu gihe kitarenze amezi atandatu nyuma yo kurangiza amashuri.

57. Mu rwego rwo gufasha abanyeshuri biga mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro guhabwa imyitozo ihagije no kwimenyereza umwuga, hamaze gusinywa amasezerano n'ibigo by'abikorera bigera kuri 323, kugira ngo dufatanye guha ubumenyingiro abana bacu biga imyuga.

58. Umubare w'abarimu wavuye ku barimu 4.807 ugera kuri 5.143 kandi 1.876 bamaze guhugurirwa kwigisha hashingiwe ku bushobozi (Competency Based Training) binyuze mu ishuri ryashyiriweho guhugura abarimu bigisha mu mashuri y'imyuga (Rwanda TVET Trainer Institute) ryatangiye mu 2018.

59. Mu rwego rwo kugera ku ntego yo kugira abanyeshuri bangana na 60% (2024), dukomeje guhugura abazigisha muri ayo mashuri hagamijwe guteza imbere ireme ry'uburezi mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro, kandi kugeza ubu nta kibazo dufote cy'abarimu muri aya mashuri.

60. Nkuko twabivuze hejuru, Leta kandi yatangiye kubaka amashuri 81 hamwe n'inzu kwimenyererezamo umwuga (workshops) zirimo kubakwa mashuri asanzwe afite 9&12YBE mu Mirenge itarifite amashuri y'imyuga cyangwa aho aya mashuri yari make.

61. Harimo kubakwa kandi andi mashuri atandatu (6) nayo azafasha kwigisha imyuga n'ubumenyingiro. Ayo mashuri ni TVET Bweyeye (Rusizi), TVET Shonga (Nyagatare), TVET Ntoma (Nyagatare); TVET Mukarange (Gicumbi); TVET Cyumba (Gicumbi); TVET Cyanika (Burera), TVET Kivuye (Burera), TVETs Muhanga na Rutongo bimaze kuzura kandi akaba ari amashuri ya kijyambere.

62. Ikindi cyakozwe ni uko abanyeshuri bose bazajya bahitamo kandi bagahabwa imyanya mu mashuri makuru (Polytechnics) y'imyuga n'ubumenyingiro ya Leta bazajya bagenerwa *bourse* yo kwiga ndetse n'amafaranga yo kubatunga.

63. Mu rwego rwo kwita cyane ku masomo ya siyansi, ikoranabuhanga, *Engineering* n'imibare (STEM) mu byiciro byose by'amashuri; mu 2018/2019, umubare w'abanyeshuri bigaga amasomo ya Siyansi, Ikoranabuhanga n'Imibare warazamutse ugera ku 28.286.

64. Mu cyiciro cya mbere n'icya kabiri cya Kaminuza (A1 na Bachelors degrees), abiyandikishije mu mwaka w'amashuri 2019/2020 mu mashami ya Siyansi, Ikoranabuhanaga n'Imibare (STEM) bagera kuri 62.6%.

65. Ku bijyanye no gushyira mu bikorwa ingamba zo gushishikariza abana kudata amashuri, Guverinoma izakomeza kunoza ingamba zituma abana badata ishuri. Iki ni igikorwa gisaba ubufatanye n'ababyeyi. Kugeza ubu, abana bata ishuri bari ku kigero cya 7,8%, tukaba tudashaka ko n'iki kigero kibaho, ahubwo dushaka ko abana bose baguma mu mashuri. Kandi mu mashuri yisumbuye naho abana bata ishuri bari ku kigero cya 8,2% mu gihe intego yacu ari uko bagera kuri 1% mu 2024.

66. Iki kibazo cy'abana bata ishuri u Rwanda rugihuriyeho n'ibindi bihugu, kuko nk'uko bigararagazwa na raporo zimwe, muri miliyoni 61 z'abana bataye ishuri ku isi hose, abagera kuri miliyoni 33 muri bo bari muri

Afurika yo munsi y'Ubutayu bwa Sahara. Aha rero twe nka Leta tugomba gukora ku buryo nta mwana uta ishuri, ahubwo tugaharanira ko aban bose baguma mu ishuri.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

67. Nyuma yo kubagezaho aho Guverinoma igeze ishyira mu bikorwa ibyo yari yateganyije kandi n'ubu tugiteganya kugeraho muri Gahunda yo kwihutisha Iterambere (NST1, 2017-2024) birebana n'uburezi, muri uyu mwanya ndagira ngo mbagezeho ibindi bikorwa by'ingenzi Guverinoma yakoze ariko bitari biteganyijwe muri iyi Gahunda. Ibi bikorwa Guverinoma yabyongeye muri gahunda yayo ya 2017-2024 kubera ko yasanze byunganira ibindi yari yateguye, mu rwego rwo kwita ku burezi bufite ireme kandi bugera kuri bose.

68. Mu rwego rwo gukemura ibibazo byagaragaye mu igura, icapa n'itangwa ry'ibitabo byakorwaga n'amazu y'ubwanditsi (Publishing houses) yo hanze y'u Rwanda, mu 2018, ibitabo bikoreshwa mu mashuri byatangiye kwandikirwa mu Rwanda.

69. Kwandikira ibitabo mu Rwanda byagabanyije amafaranga yajyaga akoreshwa mu gutumiza ibitabo hanze n'umwanya byatwaraga. Igihugu kikaba cyarungutse amafaranga angana na miliyari 6.2 mu gihe cy'imyaka 2. Byongeye kandi, ubu Minisiteri y'Uburezi ifite uburenganzira busesuye ku bitabo bikoreshwa mu mashuri (copyright) n'ubwo gukosora amakosa yagaragara muri bimwe muri ibyo bitabo.

70. Mu 2019, ku bufatanye n'abafatanyabikorwa ba Leta mu by'uburezi, handitswe ibitabo bisaga miliyoni, by'Ikinyarwanda byo mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza (P1-P3) bikaba byaramaze gutangwa mu mashuri kugira ngo abana bige Ururimi rw'Ikinyarwanda.

71. Mu rwego rwo guhuza umwaka w'amashuri n'umwaka w'ingengo y'imari ya Leta, ndetse no kugabanya umwanya munini abarangiza amashuri yisumbuye bategereza mbere yo kwinjira muri kaminuza, hemejwe ko umwaka w'amashuri wajya utangira muri Nzeri. Gusa kubera icyorezo cya Covid-19 habaye ihindagurika ku ngengabihe yari yateguwe. Biteganyijwe ko umwaka w'amashuri 2021/2022 uzatangira muri Nzeri 2021.

72. Mu rwego rwo gufasha abana b'Abanyarwanda kumenya neza indimi z'amahanga ndetse n'Ikinyarwanda, hemejwe ko Icyongereza kiba ururimi rwigishwamo mu mashuri yose. Ikinyarwanda, n'izindi ndimi zikenewe zikigishwa nk'andi masomo, guhera mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza kugeza mu byiciro byo hejuru.

73. Mu rwego rwo gukomeza guha imbaraga gahunda yo kugaburira abana mu mashuri harimo kubakwa ibikoni 2.648 byiyongera ku byari bisanzwe. Hakaba hari aho iyi gahunda yo kugaburira abana ku mashuri itaratangizwa kuko ibikoni bikirimo kubakwa no gutanganya ndetse hari n'aho bakigura ibikoresho byo kubatekera.

74. Muri iyi gahunda yo kugaburira abanyeshuri ku ishuri, hemejwe kandi ko ibiribwa bizajya bigurirwa mu masoko ari hafi y'aho amashuri aherereye kugira ngo abanyeshuri bahabwe ibiribwa bimeze neza kandi bihendutse. Ministeri y'uburezi izatangaza neza uko abayobozi b'amashuri na komite z'ababyeyi uko ibi bizakorwa muri buri Karere kandi ababyeyi babigizemo uruhare.

75. Hagamijwe guteza imbere imibereho myiza y'abanyeshuri, amafaranga y'inguzanyo yo kubatunga bahabwa yavuye kuri 25.000 FRW ku kwezi mu mwaka w'amashuri 2017/2018 aba 35.000 FRW ku kwezi muri 2018/2019, naho guhera 2019/2020 yabaye 40.000 FRW ku kwezi ku munyeshuri.

76. Uburyo bwo gutanga inguzanyo nabwo bwaranogejwe kandi buroroshywa (process). Kuva mu 2016, inshingano zo kugeza iyo nguzanyo ku banyeshuri bayemerewe zahawe Banki Itsura Amajyambere (BRD). Ibi byakemuye ibibazo byajyaga bigaragazwa n'abanyeshuri mu gutanga inguzanyo.

77. Guverinoma ikomeje gushyira imbaraga mu kugeza icyumba cy'umukobwa mu bigo by'amashuri. Turabizi ko bitari byagera hose, kugira ngo bigere n'aho bitari bisanzwe biri kubera ko twabonye akamaro kacyo.

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite,**

78. Muri uyu mwanya ndagira ngo mbagezeho ingaruka Icyorezo cya Covid-19 cyagize ku rwego rw'uburezi n'ingamba Guverinoma yafashe:

79. Mu rwego rwo gukumira ikwirakwizwa rya Covid-19, muri Werurwe 2020, Guverinoma yasabye ko amashuri ahagarara abana bagataha mu miryango. Ibi byarakozwe kandi bikorwa neza, kandi byagize akamaro dukurikije uko icyorezo cyagiye gikomeza mu minsi yakurikiyeho.

80. Mu rwego rwo gufasha abanyeshuri gukomeza gukurikirana amasomo bari mu rugo, hashyizweho gahunda yo kugira ngo abana bashobore gukoresha ikoranabuhanga. N'ubwo hari abatari bafite ibikoresho bikenewe ariko hari n'aho byagize akamaro.

81. By'umwihariko, abanyeshuri bafite ubumuga bwo kutumva cyangwa kutabona, ntibashoboye gukurikirana amasomo kuri radiyo, telefone no ku mbuga zikoresha murandasi (e-learning platforms). Ariko hari n'abandi batabishoye.

82. Mu rwego rwo kongera gufungura amashuri hubahirizwa ingamba zo kwirinda Covid-19, Guverinoma yakoze igenzura mu mashuri kugira ngo hamenyekane uburyo amashuri yiteguye kongera kwigisha hashingiwe ku ngamba zatanzwe n'inzego z'Ubuzima.

83. Ni muri uru rwego, mu Kwakira 2020, hafunguwe amashuri makuru na kaminuza yari yujuje ibyasabwaga naho muri uku kwezi k'Ugushyingo 2020 hakaba harafunguwe amashuri abanza n'ayisumbuye harimo n'ay'imyuga, hashingiwe ku byiciro. Hasigaye amashuri yo mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza. Ibyo byose byakoranywe ubushishishozi kandi kugeza ubu byagenze neza, kandi tukaba twizeye ko n'abanyeshuri bo mu cyiciro cya mbere cy'amashuri abanza nabo bazatangira mu ntangiriro z'umwaka utaha

84. Indi mbogamizi ni uko umubare w'abanyeshuri bo mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza mu mwaka w'amashuri wa 2020/2021 uziyongera. Hazabaho ibyiciro bibiri (P1 Double intake) by'abana bazaba bari mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza. Icyiciro cya mbere kirimo abana bari baratangiye umwaka wa mbere muri Mutarama 2020, naho icya kabiri kizaba kirimo abana bazaba bagejeje imyaka yo gutangira kwiga mu mwaka wa 2021. Aha biteganyijwe ko abana bashya bazatangira mu mwaka wa mbere w'amashuri abanza bazaba bagera ku bihumbi 500 basanga

abarenga ibihumbi 460 bari basanzwemo. Ariko nka Guverinoma turabyiteguye, kandi twamaze gutegura abarimu ndetse n'ibyumba abana bazigiramo biri kubakwa.

85. Indi mbogamizi ni irebana n'amashuri yigenga. Kuba abanyeshuri batarishyuraga amafaranga y'ishuri kuko batigaga, byagize ingaruka zikomeye ku mikorere n'imicungire yayo. Byatumye ibigo bimwe na bimwe bisubika amasezerano n'abarimu bigishaga muri ayo mashuri, ndetse n'abandi bakozi. Ibi byahungabanyije imibereho y'imiryango y'abo bakozi, kandi byagize ingaruka ku micungire y'ibikorwa remezo by'amashuri (school infrastructure).

86. Mu rwego rwo gukemura iyi mbogamizi, Guverinoma yashyizeho Ikigega cyunganira abikorera, harimo n'amashuri yigenga, kugeza ubu rero urwego rw'uburezi narwo rwatangiye gufasha n'iki Kigega, ndetse bimwe mu bigo by'amashuri yigenga bytangiye kukitabira.

87. Koperative Umwalimu SACCO yatangije uburyo bushya bw'inguzanyo "Iramiro Emergency Loan" bugamije gufasha ibigo by'amashuri yigenga bitabasha gukorana na banki z'ubucuruzi gufata inguzanyo yo gufasha abarimu bo mu mashuri yigenga, bagatangira kwishyura amashuri yongeye gufungura.

88. Abakozi bo mu bigo by'amashuri yigenga bahembwa atarenze FRW 150.000 (net salary) basonewe umusoro ku bihembo by'abakozi (TPR/PAYE) mu gihe cy'amezi 6 (Mata - Nzeri 2020).

- **Nyakubahwa Perezida wa Sena,**
- **Nyakubahwa Perezida w'Umutwe w'Abadepite,**
- **Ba Nyakubahwa ba Visi Perezida b'Imitwe yombi,**
- **Ba Nyakubahwa Basenateri,**
- **Ba Nyakubahwa Badepite**,

89. Ibyo maze kubagezaho nibyo byari bikubiye mu kiganiro nabateguriye uyu munsi. Mbere yo kurangiza, ndagira ngo nongere mbashimire uyu mwanya mwari mwampaye.

90. Guverinoma irabashimira kandi uruhare mudahwema kugaragaza mu gukurikira uko ibikorwa byayo bishyirwa mu bikorwa. Turanabashimira by'umwihariko inama muyigezaho kugira ngo aho zimwe muri gahunda zitagenda neza zifatirwe ingamba zo kuzinoza.

91. Turizera ko n'uyu munsi muza kuduha ibitekerezo bizafasha Guverinoma kurushaho guteza imbere urwego rw'uburezi.

Murakoze, ndabashimiye.